AFRICAN ENTERPRISE
RWANDA OFFICE

**ITANGAZO RY'AKAZI**

"African Evangelistic Enterprise" **(AEE Rwanda)** ikorera mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kicukiro, Akagari ka Rukatsa, irifuza guha akazi **umuntu umwe (1)** ushoboye gukora imirimo ikurikira:

- **Gufasha, gushishikariza no guhugura** urubyiruko muri gahunda zo kuruteza imbere rwihangira imirimo **(Client Manager)**. Uwo mukozi azakorera ku icyicaro cy' **Amasezerano Community Banking - ACB"** kiri mu mugi wa Kigali.

➢ **Usaba akazi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

- Kuba ari umukristo wavutse ubwa kabiri.
- Kuba afite impamyabushobozi ihanitse mu ishami **ry'ububaruramari (Finance – Accounting)**.
- Kuba yarakoranye n'urubyiruko, kuba yarakoranye n'ibigo by'imari kuburyo abasha gusesengura amadosiye ajyanye n'inguzanyo kandi abifitiye gihamya.
- Kuba atarengeje imyaka **mirongo itatu n'itanu (35)** y'amavuko.
- Kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga Moto **(Class A).**

➢ **Ibyangombwa bisabwa buri muntu n'ibi bikurikira:**

- Urwandiko rusaba akazi rwandikiwe Umunyamabanga Mukuru wa AEE Rwanda.
- Umwirondoro w'usaba akazi **(CV)** na Fotokopi y'impamyabushobozi.
- Fotokopi y'irangamuntu.
- Fotokopi y'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga Moto (Claa A).
- Icyangombwa cy'ubuhamya bw'umukristo cyatanzwe na Pasitoro w'Itorero (Usaba akazi asengeramo) kitarengeje amezi atatu (3).

➢ **Igihe ntarengwa** cyo gutanga inzandiko ni kuwa kabiri taliki **ya 22/10/2019 saa sita z'amanywa**, ntimuzakererwe kuko no muri "Week-end" (ku wa gatandatu no ku cyumweru) uzaza wese azakirwa neza.

➢ Ikizamini kizakorwa ku wa **kane taliki ya 24/10/2019 saa tatu (9h00) za mu gitondo.**

➢ **Abujuje ibisabwa** nibo bonyine bazamenyeshwa aho ikizamini kizakorerwa kandi uzatsinda azatagira akazi **taliki ya 01/11/2019**.

Bikorewe i Kigali ku wa 16/10/2019

Umuyobozi ushinzwe abakozi

Umulisa Beatrice

AFRICAN EVANGELISTIC ENTERPRISE
AEE-RWANDA
AFRICAN ENTERPRISE
P.O.Box ... KIGALI

*To Evangelize the Cities of Africa through Word and Deed in Partnership with the Church*
*Kabeza-Rubilizi Road, Kabeza Avenue, Plot KK 228ST, AEE Street N° 28*
*P.O. BOX 1435 KIGALI- Rwanda, Tel + 250 784144337*
*E-Mail :* aee@aeerwanda.rw